Ibirimo/Summary/Sommaire *page/urup.*

A. Amategeko/Laws/Lois

N°53/2011 ryo kuwa 14/12/2011
Itegeko rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe iby'indege za gisiviri (RCAA), rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo…….3
N°53/2011 of 14/12/2011
Law establishing Rwanda Civil Aviation Authority (RCAA), and determining its mission, organisation and functioning……..3
N°53/2011 du 14/12/2011
Loi portant création de l'Office Rwandais de l'Aviation Civile (RCAA) et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement……..3

N°54bis/2011 ryo kuwa 14/12/2011
Itegeko rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (METEO RWANDA) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo…….18
N°54bis/2011 of 14/12/2011
Law establishing Rwanda Meteorology Agency (METEO RWANDA) and determining its mission, organisation and functioning……..18
N°54bis/2011 du 14/12/2011
Loi portant création de l'Agence Rwandaise de la Météorologie (METEO RWANDA) et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement……18

N°55/2011 ryo kuwa 14/12/2011
Itegeko rigenga imihanda mu Rwanda……33
N°55/2011 of 14/12/2011
Law governing roads in Rwanda.....33
N°55/2011 du 14/12/2011
Loi régissant les routes au Rwanda……..33

B. Iteka rya Perezida/Presidential Order/Arrêté Présidentiel

Nº 113/01 ryo kuwa 08/12/2011
Iteka rya Perezida ryemeza burundu Amasezerano yashyiriweho umukono i Kigali mu Rwanda kuwa 29 Nzeri 2011, hagati ya Repubulika y'u Rwanda n'Ikigega Mpuzamahanga kigamije guteza imbere ubuhinzi (IFAD/FIDA), yerekeranye n'inguzanyo ingana na miliyoni cumi n'imwe n'ibihumbi magana atandatu z'Amadetesi (11.600.000 DTS), n'impano ingana na miliyoni cumi n'imwe n'ibihumbi magana atandatu z'Amadetesi (11.600.000 DTS), agenewe umushinga wo kuzamura ubukungu bw'icyaro hitabwa ku musaruro woherezwa mu mahanga.....62

Nº113/01 of 08/12/2011
Presidential Order ratifying the financing Agreement signed in Kigali, Rwanda, on 29 September 2011, between the Republic of Rwanda and the International Agricultural Development Fund (IFAD), relating to the loan of eleven million six hundred thousand Special Drawing Rights (SDR 11,600,000) and the grant of eleven million six hundred thousand Special Drawing Rights (SDR 11,600,000) for the project for rural income through exports……..62

N°113/01 du 08/12/2011
Arrêté Présidentiel portant ratification de l'Accord de financement signé à Kigali, au Rwanda, le 29 Septembre 2011, entre la République du Rwanda et le Fonds International de Développement Agricole (FIDA), relatif au prêt de onze millions six cent mille Droits de Tirage Spéciaux (11.600.000 DTS) et eu don de onze millions six cent mille Droits de Tirage Spéciaux (11.600.000 DTS) pour le projet des revenus en milieu rural à travers les exportations……..62

C. Amakoperatives/Cooperatives/Coopératives

- KOTUABIKI……67
- KOTIKI……68
- COPROCHA……69
- UCOMAKI……...70
- CORIMAK……...71
- PROFESSIONAL DRAVING SCHOOL COOPERATIVE……..72
- COIMU…….....73
- COOPRORIZ AGASASA……...74
- COPAGI/GIRIMPUHWE……75
- COUNYA……76

ITEGEKO N°53/2011 RYO KUWA 14/12/2011 RISHYIRAHO IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE IBY'INDEGE ZA GISIVIRI (RCAA), RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYACYO

LAW N°53/2011 OF 14/12/2011 ESTABLISHING RWANDA CIVIL AVIATION AUTHORITY (RCAA), AND DETERMINING ITS MISSION, ORGANISATION AND FUNCTIONNING

LOI N°53/2011 DU 14/12/2011 PORTANT CREATION DE L'OFFICE RWANDAIS DE L'AVIATION CIVILE (RCAA) ET DETERMINANT SA MISSION, ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT

ISHAKIRO

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Ingingo ya 3: Icyicaro cya RCAA

UMUTWE WA II: INSHINGANO ZA RCAA

Ingingo ya 4: Inshingano za RCAA

UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA RCAA N'ICYICIRO IRIMO

Ingingo ya 5: Urwego rureberera RCAA n'icyiciro irimo

UMUTWE WA IV: IMITERERE N'IMIKORERE BYA RCAA

Ingingo ya 6: Inzego z'Ubuyobozi za RCAA

TABLE OF CONTENTS

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

Article 2: Definitions of terms

Article 3: Head office of RCAA

CHAPTER II: MISSION OF RCAA

Article 4: Mission of RCAA

CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY OF RCAA AND ITS CATEGORY

Article 5: Supervising Authority of RCAA and its category

CHAPTER IV: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF RCAA

Article 6: Management organs of RCAA

TABLE DES MATIERES

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet de la présente loi

Article 2: Définitions des termes

Article 3: Siège du RCAA

CHAPITRE II: MISSIONS DU RCAA

Article 4: Missions du RCAA

CHAPITRE III: ORGANE DE TUTELLE DU RCAA ET SA CATEGORIE

Article 5: Organe de tutelle du RCAA et sa catégorie

CHAPITRE IV: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU RCAA

Article 6: Organes de direction du RCAA

Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi ya RCAA	**Section One: Board of Directors of RCAA**	**Section première: Conseil d'Administration du RCAA**
Ingingo ya 7: Inama y'Ubuyobozi ya RCAA	**Article 7: Board of Directors of RCAA**	**Article 7: Conseil d'Administration du RCAA**
Ingingo ya 8: Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama	**Article 8: Sitting allowances for the members of the Board of Directors**	**Article 8: Jetons de présence des membres du Conseil d'Administration**
Ingingo ya 9: Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama y'Ubuyobozi ya RCAA	**Article 9: Incompatibilities with the membership of the Board of Directors of RCAA**	**Article 9: Incompatibilités avec la fonction de membre du Conseil d'Administration du RCAA**
Icyiciro cya 2: Ubuyobozi Bukuru bwa RCAA	**Section 2: General Directorate of RCAA**	**Section 2: Direction Générale du RCAA**
Ingingo ya 10: Abagize Ubuyobozi Bukuru bwa RCAA	**Article 10: Members of the General Directorate of RCAA**	**Article 10: Membres de la Direction Générale du RCAA**
Ingingo ya 11: Sitati igenga abakozi ba RCAA n'ibigenerwa abagize Ubuyobozi Bukuru n'abandi bakozi ba RCAA	**Article 11: Statute governing the staff of RCAA and benefits of members of the General Directorate and the staff of RCAA**	**Article 11: Statut du personnel du RCAA et les appointements des membres de la Direction Générale et d'autres membres du personnel du RCAA**
Ingingo ya 12: Imiterere, imikorere n'inshingano by'inzego z'imirimo za RCAA	**Article 12: Organization, functioning and responsibilities of organs of RCAA**	**Article 12: Organisation, fonctionnement et attributions des organes du RCAA**
UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI	**CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCE**	**CHAPITRE V: PATRIMOINE ET FINANCES**
Ingingo ya 13: Umutungo wa RCAA n'inkomoko yawo	**Article 13: Property of RCAA and its sources**	**Article 13: Patrimoine du RCAA et ses sources**
Ingingo ya 14: Imikoreshereze, imicungire	**Article 14: Use, management and audit of**	**Article 14: Utilisation, gestion et audit du**

n'imigenzurire by'umutungo	**the property**	**patrimoine**
Ingingo ya 15: Iyemeza n'imicungire by'ingengo y'imari ya RCAA	**Article 15: Approval and management of the budget of RCAA**	**Article 15: Adoption et gestion du budget du RCAA**
Ingingo ya 16: Raporo y'umwaka w'ibaruramari	**Article 16: Annual financial report**	**Article 16: Rapport annuel de l'exercice comptable**
Ingingo ya 17: Ibikorwa n'umutungo bya RCAA	**Article 17: Activities and property of RCAA**	**Article 17: Activités et patrimoine du RCAA**
UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA	**CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE VI: DISPOSITIONS FINALES**
Ingingo ya 18: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko	**Article 18: Drafting, consideration and adoption of this law**	**Article 18: Initiation, examen et adoption de la présente loi**
Ingingo ya 19: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	**Article 19: Repealing provision**	**Article 19: Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 20: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa	**Article 20: Commencement**	**Article 20: Entrée en vigueur**

ITEGEKO N°53/2011 RYO KUWA 14/12/2011 RISHYIRAHO IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE IBY'INDEGE ZA GISIVIRI (RCAA), RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYACYO

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA.

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 9 Nzeri 2011;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 28 Nzeri 2011;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 95, iya 108, iya 113, iya 118, 183 n'iya 201;

Ishingiye ku masezerano mpuzamahanga

LAW N°53/2011 OF 14/12/2011 ESTABLISHING RWANDA CIVIL AVIATION AUTHORITY (RCAA), AND DETERMINING ITS MISSION, ORGANISATION AND FUNCTIONNING

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA.

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 9 September 2011;

The Senate, in its session of 28 September 2011;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 113, 118, 183 and 201;

Pursuant to the Convention on International

LOI N° 53/2011 DU 14/12/2011 PORTANT CREATION DE L'OFFICE RWANDAIS DE L'AVIATION CIVILE (RCAA) ET DETERMINANT SA MISSION, ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA.

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés, en sa séance du 9 septembre 2011 ;

Le Sénat, en sa séance du 28 septembre 2011 ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 113, 118, 183 et 201 ;

Vu la Convention relative à l'Aviation Civile

yashyiriweho umukono i Chicago kuwa 7 Ukuboza 1944 arebana n'iby'indege za gisivili, nk'uko yemejwe n'Itegeko ryo kuwa 30 Mata 1947, yavuguruwe n'amasezerano mpuzamahanga yashyiriweho umukono i Montreal kuwa 16 Ukwakira 1974 nk'uko yemejwe n'Itegeko-teka ryo kuwa 7 Mata 1976;

Civil Aviation signed in Chicago on 7 December 1944, ratified by the Law of 30 April 1947 and amended by the protocol signed in Montreal on 16 October 1974 ratified by the Decree of 7 April 1976;

Internationale signée à Chicago le 7 décembre 1944, ratifiée par la Loi du 30 avril 1947 et modifiée par le protocole signé à Montréal le 16 octobre 1974 ratifié par le Décret-loi du 7 avril 1976;

Ishingiye ku masezerano mpuzamahanga ya Tokyo yo kuwa 14/09/1963 yerekeye ibyaha n'ibindi bikorwa bikorewe mu ndege yemejwe burundu n'Itegeko ryo ku wa 23 Yanuari 1971 rishyiraho amabwiriza mu by'indege;

Pursuant to the Tokyo Convention of 14/09/1963 on certain other acts to offences committed on board aircraft ratified by a Law of 23 January 1971 establishing regulations governing civil Aviation;

Vu la Convention de Tokyo du 14/09/1963 relative aux infractions et à certains autres actes survenant à bord des aéronefs, ratifiée par la Loi du 23 janvier 1971 relative à la règlementions de l'aviation civile;

.

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 06/2009/OL ryo kuwa 21/12/2009 rishyiraho amategeko rusange yerekeye Ibigo bya Leta;

Pursuant to Organic Law n° 06/2009/OL of 21/12/2009 establishing general provisions governing Public Institutions;

Vu la Loi Organique n°06/2009/OL du 21/12/2009 portant dispositions générales applicables aux établissements publics;

Ishingiye ku Itegeko n° 52/2010 ryo kuwa 20/01/2011 rigena amabwiriza mu by'indege za gisiviri;

Pursuant to Law n° 52/2010 of 20/01/2011 governing Civil Aviation in Rwanda;

Vu la Loi n° 52/2010 du 20/01/2011 relative à la règlementions de l'aviation civile;

Isubiye ku Itegeko nº 44/2006 ryo kuwa 05/10/2006 rigena inshingano, imiterere, n'imikorere by'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe iby'indege za gisiviri (RCAA);

Having reviewed Law n° 44/2006 of 05/10/2006 determining the responsibilities, organization and functioning of Rwanda Civil Aviation Authority (RCAA);

Revu la Loi n° 44/2006 du 05/10/2006 portant attributions, organisation et fonctionnement de l'Office rwandais de l'aviation civile (RCAA);

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Iri tegeko rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe iby'indege za gisiviri cyitwa «RCAA» mu magambo ahinnye y'ururimi rw'Icyongereza. Rigena kandi inshingano, imiterere n'imikorere byacyo.

RCAA ifite ubuzimagatozi n'ubwigenge mu miyoborere, mu micungire y'umutungo n'abakozi bayo, kandi icungwa hakurikijwe amategeko agenga ibigo bya Leta.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

1° inzira y'ikirere: ikirere cyose kigenderwamo n'indege hagati y'impembe ebyiri n'undi mwanya uri munsi mu kirere kugeza aho amabwiriza yo gutwara indege mu kirere ateganya;

2° **Minisitiri:** Minisitiri ufite ibijyanye n'indege za gisiviri mu nshingano ze;

3° indege za gisiviri: indege zitari iza Leta zikora ibikorwa by'ubucuruzi.

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

This Law establishes Rwanda Civil Aviation Authority, abbreviated as «RCAA». It also determines its mission, organization and functioning.

RCAA shall have legal personality, financial and administrative autonomy. It shall be governed in accordance with laws governing public institutions.

Article 2: Definitions of terms

In this Law, the following terms shall have the following meaning:

1° air route: navigable airspace between two points and the terrain beneath such airspace, identified to the extent necessary for the application of flight rules;

2° **Minister:** the Minister in charge of civil aviation;

3° civil aviation: non government commercial aircrafts trading.

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet de la présente loi

La présente loi porte création de l'Office rwandais de l'aviation civile, dénommé «RCAA» en sigle anglais. Elle détermine également sa mission, son organisation et son fonctionnement.

RCCA est doté de la personnalité juridique et jouit de l'autonomie financière et administrative. Il est géré conformément aux dispositions légales régissant les établissements publics.

Article 2: Définitions des termes

Aux fins de la présente loi, les termes ci-après ont les significations suivantes:

1° **route aérienne:** espace aérien navigable entre deux points et l'espace au sol situé au-dessous de cet espace aérien et identifié dans la mesure nécessaire à l'application des règles de vol;

2° Ministre: Ministre ayant l'aviation civile dans ses attributions;

3° aviation civile: aéronefs commerciaux non gouvernementaux.

Ingingo ya 3: Icyicaro cya RCAA

Icyicaro cya RCAA kiri mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda, igihe bibaye ngombwa.

RCAA ishobora kugira amashami ahandi hose mu Gihugu, bibaye ngombwa, kugira ngo igere ku nshingano zayo, byemejwe n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Article 3: Head office of RCAA

The head office of the RCAA is located in Kigali City, the Capital of the Republic of Rwanda. It may be transferred elsewhere on the Rwandan territory when deemed necessary.

RCAA may have branches elsewhere in the Country if deemed necessary and upon approval by the Prime Minister's Order in order to achieve its mission.

Article 3: Siège du RCAA

Le siège du RCAA est établi dans la Ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda. Il peut, en cas de nécessité, être transféré en tout autre lieu du territoire rwandais.

RCAA peut, en cas de nécessité et sur arrêté du Premier Ministre, établir des branches en tout autre lieu du territoire national en vue de la réalisation de sa mission.

UMUTWE WA II: INSHINGANO ZA RCAA

CHAPTER II: MISSION OF RCAA

CHAPITRE II: MISSIONS DU RCAA

Ingingo ya 4: Inshingano za RCAA

Inshingano z'ingenzi za RCAA ni izi zikurikira:

1° kugenzura no gushyigikira iterambere ry'iby'indege za gisiviri mu Rwanda;

2° kugira Leta inama no kuyifasha mu mikoranire yayo n'umuryango mpuzamahanga w'indege za gisiviri;

3° guhagararira u Rwanda nk'Ikigo cy'Igihugu ku rwego mpuzamahanga mu bijyanye n'indege za gisiviri;

4° gucunga, gufata neza ibibuga byayo no gutanga serivisi zikenewe;

5° gutanga serivisi zo kugenzura ingendo zo mu kirere, amakuru ajyanye n'iguruka ry'indege mu kirere, serivisi yo gutanga amakuru arebana

Article 4: Mission of RCAA

RCAA shall have the following main mission:

1° to inspect and foster the safe development of civil aviation in Rwanda;

2° to advise and assist the Government in its dealings with the International Civil Aviation Organization;

3° to represent internationally Rwanda as the national authority in respect of matters relating to civil aviation;

4° to control and maintain its airports and to provide such necessary services;

5° to provide air traffic control service, flight information service and Rwanda aeronautical information service of Rwanda;

Article 4: Missions du RCAA

RCAA a les principales missions suivantes:

1° inspecter et favoriser le développement de l'aviation civile au Rwanda;

2° conseiller et assister le Gouvernement dans ses relations avec l'Organisation de l'Aviation Civile Internationale;

3° représenter le Rwanda comme autorité nationale sur le plan international en ce qui concerne l'aviation civile;

4° contrôler et entretenir ses aéroports et fournir des services nécessaires;

5° fournir le service de contrôle aérien, le service d'information de vol et le service d'information aéronautique du Rwanda;

n'ubumenyi bw'iby'indege mu Rwanda;

6° gutanga no guhuza ibikorwa bya serivisi yo gushakisha no gutabara indege zagize impanuka mu kirere cy'u Rwanda;

7° gutanga serivisi zinoze zo kuzimya inkongi y'umuriro na serivisi zo gutabara n'ibindi byifashishwa ku bibuga by'indege;

8° gutanga serivisi y'ubufasha bwihutirwa, igihe habaye impanuka y'indege;

9° gukorana n'izindi nzego za Leta mu kubungabunga umutekano w'indege n'abazigendamo;

10° gushyikirana no gukorana n'ibindi bigo byo mu rwego rw'Akarere no mu rwego mpuzamahanga bihuje inshingano.

6° to provide and co-ordinate activities of search and rescue services to aircraft in distress in Rwanda airspace;

7° to provide adequate fire fighting and rescue services and facilities to airports;

8° to provide emergency aid services, in case of aircraft accident;

9° to collaborate with other government agencies in ensuring the safety of aircrafts and passengers;

10° to establish relations and collaborate with other regional and international institutions with similar missions.

6° fournir et coordonner les activités de service de recherche et de secours aux aéronefs en détresse dans l'espace aérien du Rwanda;

7° fournir les services appropriés d'extinction d'incendie et de secours ainsi que des équipements aux aéroports;

8° fournir les services d'aide d'urgence, en cas d'accident d'aéronef;

9° collaborer avec d'autres institutions étatiques pour assurer la sécurité des aéronefs et des passagers;

10° entretenir des relations et collaborer avec d'autres institutions régionales et internationales ayant une mission similaire.

UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA RCAA N'ICYICIRO IRIMO

Ingingo ya 5: Urwego rureberera RCAA n'icyiciro irimo

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena urwego rureberera RCAA n'icyiciro irimo.

Hagati y'urwego rureberera RCAA n'urwego

CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY OF RCAA AND ITS CATEGORY

Article 5: Supervising Authority of RCAA and its category

A Prime Minister's Order shall determine the supervising Authority of RCAA and its category.

There shall be concluded between the

CHAPITRE III: ORGANE DE TUTELLE DE RCAA ET SA CATEGORIE

Article 5: Organe de tutelle du RCAA et sa catégorie

Un arrêté du Premier Ministre détermine l'organe de tutelle du RCAA et sa catégorie.

Il est conclu entre l'organe de tutelle du RCAA

rufata ibyemezo hakorwa amasezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa agaragaza ububasha, uburenganzira n'inshingano za buri ruhande mu kugeza RCAA ku nshingano zayo.

Ayo masezerano amara igihe gihwanye na manda y'abagize urwego rufata ibyemezo rwa RCAA.

UMUTWE WA IV: IMITERERE N'IMIKORERE BYA RCAA

Ingingo ya 6: Inzego z'Ubuyobozi za RCAA

RCAA igizwe n'inzego z'ubuyobozi ebyiri (2) zikurikira:

1° Inama y'Ubuyobozi;
2° Ubuyobozi Bukuru.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishobora kandi kugena izindi nzego za ngombwa kugira ngo RCAA ishobore kurangiza neza inshingano zayo.

Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi ya RCAA

Ingingo ya 7: Inama y'Ubuyobozi ya RCAA

Inama y'Ubuyobozi ya RCAA ni urwego ruyiyobora kandi rufata ibyemezo. Ububasha, inshingano n'imikorere byayo kimwe n'igihe

supervising Authority of RCAA and its decision making organ a performance contract indicating competence, rights and obligations of each party in order for RCAA to fulfill its mission.

Such a contract shall be valid for a period equal to the term of office of members of the decision making organ of RCAA.

CHAPTER IV: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF RCAA

Article 6: Management organs of RCAA

RCAA shall be comprised of the following two (2) management organs:

1° the Board of Directors;
2° the General Directorate.

A Prime Minister's Order may determine other relevant organs of RCAA to fulfill its mission.

Section One: Board of Directors of RCAA

Article 7: Board of Directors of RCAA

The Board of Directors of RCAA shall be the governing and decision making organ. Its competence, missions and functioning as well

et l'organe de décision un contrat de performance déterminant les compétences, les droits et les obligations de chaque partie en vue de la réalisation des missions du RCAA.

Ce contrat est valide pour une durée égale au mandat des membres de l'organe de décision du RCAA.

CHAPITRE IV: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU RCAA

Article 6: Organes de direction du RCAA

RCAA est doté de deux (2) organes de direction suivants:

1° le Conseil d'Administration;
2° la Direction Générale.

Un arrêté du Premier Ministre peut déterminer d'autres organes nécessaires en vue de la réalisation des missions du RCAA.

Section première: Conseil d'Administration du RCAA

Article 7: Conseil d'Administration du RCAA

Le Conseil d'Administration du RCAA est son organe de direction et de décision. Ses compétences, missions et son fonctionnement

abayigize bamara ku mirimo yabo bigenwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

as the missions and the term of office of its members shall be determined by a Prime Minister's Order.

ainsi que les missions et la durée du mandat de ses membres sont déterminés par arrêté du Premier Ministre.

Iteka rya Perezida rishyiraho abagize Inama y'Ubuyobozi harimo Perezida na Visi-Perezida. Abagize Inama y'Ubuyobozi batoranywa hakurikijwe ubushobozi n'ubuzobere.

A Presidential Order shall appoint members of the Board of Directors including the Chairperson and the Deputy Chairperson. Members of the Board of Directors shall be selected on the basis of their competence and expertise.

Un arrêté présidentiel nomme les membres du Conseil d'Administration dont le Président et le Vice-président. Les membres du Conseil d'Administration sont choisis sur base de leur compétence et de leur expertise.

Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Inama y'Ubuyobozi bagomba kuba ari abagore.

At least thirty percent (30%) of members of the Board of Directors shall be females.

Trente pour cent (30%) au moins des membres du Conseil d'Administration sont de sexe féminin.

Ingingo ya 8: Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama

Article 8: Sitting allowances for the members of the Board of Directors

Article 8: Jetons de présence des membres du Conseil d'Administration

Abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama z'Inama y'Ubuyobozi bagenerwa amafaranga agenwa n'Iteka rya Perezida.

Members of the Board of Directors present in meetings of the Board of Directors shall be entitled to sitting allowances determined by a Presidential Order.

Les membres du Conseil d'Administration présents aux réunions du Conseil d'Administration bénéficient des jetons de présence dont le montant est déterminé par un Arrêté Présidentiel.

Ingingo ya 9: Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama y'Ubuyobozi ya RCAA

Article 9: Incompatibilities with the membership of the Board of Directors of RCAA

Article 9: Incompatibilités avec la fonction de membre du Conseil d'Administration du RCAA

Abagize Inama y'Ubuyobozi ntibemerewe kugira imigabane muri RCAA.

Members of the Board of Directors shall not be allowed to have shares within RCAA.

Les membres du Conseil d'Administration ne sont pas autorisés d'avoir des actions au sein du RCAA.

Uretse Umuboyozi Mukuru wa RCAA, abandi bagize Inama y'Ubuyobozi ntibemerewe gukora umurimo ugenerwa igihembo muri RCAA.

Except the Director General, other members of the Board of Directors shall not be allowed to perform any remunerated activity within RCAA

A l'exception du Directeur Général, les autres membres du Conseil d'Administration ne sont pas autorisés d'exercer des fonctions rémunérées au sein du RCAA.

Abagize Inama y'Ubuyobozi ntibemerewe kandi, haba ku giti cyabo cyangwa ibigo bafitemo imigabane, gupiganira amasoko atangwa na RCAA.

Members of the Board of Directors shall also not be allowed, whether individually or companies in which they hold shares, to bid for tenders of RCAA.

Les membres du Conseil d'Administration ne sont pas également autorisés, soit individuellement ou les sociétés dont ils sont actionnaires, de soumissionner aux marchés du RCAA.

Icyiciro cya 2: Ubuyobozi Bukuru bwa RCAA

Section 2: General Directorate of RCAA

Section 2: Direction Générale du RCAA

Ingingo ya 10: Abagize Ubuyobozi Bukuru bwa RCAA

Article 10: Members of the General Directorate of RCAA

Article 10: Membres de la Direction Générale du RCAA

Abagize Ubuyobozi Bukuru bwa RCAA bashyirwaho n'Iteka rya Perezida.

Members of the General Directorate of RCAA shall be determined by a Presidential Order.

Les membres de la Direction Générale du RCAA sont déterminés par un arrêté présidentiel.

Ububasha, inshingano n'imikorere by'abagize Ubuyobozi Bukuru bwa RCAA bigenwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

The competence, responsibilities and modalities of functioning of the members of the General Directorate of RCAA shall be determined by a Prime Minister's Order.

La compétence, les attributions et les modalités de fonctionnement des membres de la Direction Générale du RCAA sont déterminées par un arrêté du Premier Ministre.

Ingingo ya 11: Sitati igenga abakozi ba RCAA n'ibigenerwa abagize Ubuyobozi Bukuru n'abandi bakozi ba RCAA

Article 11: Statute governing the staff of RCAA and benefits of members of the General Directorate and the staff of RCAA

Article 11: Statut du personnel du RCAA et les appointements des membres de la Direction Générale et d'autres membres du personnel du RCAA

Abakozi ba RCAA bagengwa na sitati rusange igenga abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta.

The staff of RCAA is governed by the General Statute for Rwanda Public Service.

Le personnel du RCAA est régi par le statut général de la fonction publique rwandaise.

Ibigenerwa abagize Ubuyobozi Bukuru n'abakozi ba RCAA biteganywa n'amategeko agenga ibyo abakozi b'ibigo bya Leta bagenerwa.

Benefits entitled to the members of the General Directorate and to the staff of RCAA shall be determined in accordance with legal provisions governing benefits to employees of public institutions.

Les appointements accordés aux membres de la Direction Générale du RCAA et à son personnel sont déterminés conformément aux dispositions légales régissant les avantages alloués au personnel des établissements publics.

Ingingo ya 12: Imiterere, imikorere n'inshingano by'inzego z'imirimo za RCAA

Imiterere, imikorere n'inshingano by'inzego z'imirimo za RCAA bigenwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI

Ingingo ya 13: Umutungo wa RCAA n'inkomoko yawo

Umutungo wa RCAA ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa.

Umutungo wa RCAA ukomoka kuri ibi bikurikira:

1° ingengo y'imari ya Leta;

2° inkunga zaba iza Leta cyangwa iz'abaterankunga;

3° inyungu ku mutungo wayo;

4° ibituruka ku mirimo ikora;

5° inguzanyo zihabwa RCAA zemewe na Minisitiri ufite imari mu nshingano ze;

6° impano n'indagano.

Article 12: Organization, functioning and responsibilities of organs of RCAA

The organization, functioning and missions of organs of RCAA shall be determined by a Prime Minister's Order.

CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCE

Article 13: Property of RCAA and its sources

The property of RCAA shall be comprised of movables and immovables:

The property of RCAA shall come from the following:

1° the State budget allocation;

2° Government or donors' grants subsidies;

3° proceeds from its property;

4° income from its services;

5° loans extended to RCAA approved by the Minister in charge of finance;

6° donations and bequests.

Article 12: Organisation, fonctionnement et attributions des organes du RCAA

L'organisation, le fonctionnement et les attributions des organes de RCAA sont déterminés par un arrêté du Premier Ministre.

CHAPITRE V: PATRIMOINE ET FINANCES

Article 13: Patrimoine du RCAA et ses sources

Le patrimoine du RCAA comprend les biens meubles et immeubles.

Le patrimoine du RCAA provient des sources ci-après.

1° les dotations budgétaires de l'Etat;

2° les subventions de l'Etat ou des donateurs;

3° les revenus de son patrimoine;

4° les revenus des services prestés;

5° les prêts accordés au RCAA approuvés par le Ministre ayant les finances dans ses attributions;

6° les dons et legs.

Ingingo ya 14: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo

Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa RCAA bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga. Ubugenzuzi bushinzwe igenzura rya buri munsi ry'imikoreshereze y'umutungo wa RCAA buha raporo Inama y'Ubuyobozi, bukagenera kopi uyobora Ubuyobozi Bukuru bwa RCAA.

Article 14: Use, management and audit of the property

The use, management and audit of RCAA property shall be carried out in accordance with relevant legal provisions. RCAA internal audit service shall submit a report to the Board of Directors with a copy to the head of General Directorate of RCAA.

Article 14: Utilisation, gestion et audit du patrimoine

L'utilisation, la gestion et l'audit du patrimoine du RCAA sont effectués conformément aux dispositions légales en la matière. Le service d'audit interne du RCAA transmet son rapport au Conseil d'Administration avec copie au dirigeant de la Direction Générale du RCAA.

Ingingo ya 15: Iyemeza n'imicungire by'ingengo y'imari ya RCAA

Ingengo y'imari ya RCAA yemezwa kandi igacungwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Article 15: Approval and management of the budget of RCAA

The budget of RCAA shall be approved and managed in accordance with relevant legal provisions.

Article 15: Adoption et gestion du budget du RCAA

Le budget du RCAA est adopté et géré conformément aux dispositions légales en la matière.

Ingingo ya 16: Raporo y'umwaka w'ibaruramari

Mu mezi atatu (3) akurikira impera z'umwaka w'ibaruramari, uyobora Ubuyobozi Bukuru bwa RCAA ashyikiriza urwego rureberera RCAA, raporo y'umwaka w'ibaruramari, imaze kwemezwa n'Inama y'Ubuyobozi hakurikijwe amategeko agenga imicungire y'imari n'umutungo bya Leta.

Article 16: Annual financial report

Within three (3) months following the closure of the financial year, the head of General Directorate of RCAA shall submit to the supervising Authority of RCAA the annual financial report after its approval by the Board of Directors in accordance with laws governing management of State finance and property.

Article 16: Rapport annuel de l'exercice comptable

Dans les trois (3) mois qui suivent la fin de l'exercice comptable, le dirigeant de la Direction Générale du RCAA transmet, à l'organe de tutelle du RCAA, le rapport annuel de l'exercice comptable après son approbation par le Conseil d'Administration conformément aux dispositions régissant les finances et le patrimoine de l'Etat.

Ingingo ya 17: Ibikorwa n'umutungo bya RCAA

Ibikorwa n'umutungo bya RCAA byashyizweho n'Itegeko n° 44/2006 ryo kuwa

Article 17: Activities and property of RCAA

Activities and property of RCAA established under Law n° 44/2006 of 05/10/2006

Article 17: Activités et patrimoine du RCAA

Les activités du RCAA faites sous l'empire de la Loi n° 44/2006 du 05/10/2006 portant

05/10/2006 rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe iby'indege za gisiviri (RCAA) bikomeza kuba ibya RCAA ishyizweho n'iri tegeko.

UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 18: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Ingingo ya 19: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Itegeko n° 44/2006 ryo kuwa 05/10/2006 rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe iby'indege za gisiviri (RCAA) n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

Ingingo ya 20: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa **14/12/2011**

determining the responsibilities, organization and functioning of Rwanda Civil Aviation Authority (RCAA) shall continue to be owned by RCAA established under this Law.

CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS

Article 18: Drafting, consideration and adoption of this Law

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

Article 19: Repealing provision

The Law n° 44/2006 of 05/10/2006 determining the missions, organization and functioning of Rwanda Civil Aviation Authority (RCAA) and all prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

Article 20: Commencement

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **14/12/2011**

attributions, organisation et fonctionnement de l'Office rwandais de l'aviation civile, ainsi que le patrimoine du RCAA continuent d'appartenir au RCAA crée par la présente loi.

CHAPITRE VI: DISPOSITIONS FINALES

Article 18: Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée en Anglais, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Article 19: Disposition abrogatoire

La Loi n°44/2006 du 05/10/2006 portant missions, organisation et fonctionnement de l'Office rwandais de l'aviation civile (RCAA) ainsi que toutes les autres dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Article 20: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **14/12/2011**

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)

KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)

KAGAME Paul
Président de la République

sé)

HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

(sé)

HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

(sé)

HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEGEKO N°54bis/2011 RYO KUWA 14/12/2011 RISHYIRAHO IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE UBUMENYI BW'IKIRERE (METEO RWANDA) RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYACYO	**LAW N°54bis/2011 OF 14/12/2011 ESTABLISHING RWANDA METEOROLOGY AGENCY (METEO RWANDA) AND DETERMINING ITS MISSION, ORGANISATION AND FUNCTIONING**	**LOI N°54bis/2011 DU 14/12/2011 PORTANT CREATION DE L'AGENCE RWANDAISE DE LA METEOROLOGIE (METEO RWANDA) ET DETERMINANT SA MISSION, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT**
ISHAKIRO	**TABLE OF CONTENTS**	**TABLE DES MATIERRES**
UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE **Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije** **Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo** **Ingingo ya 3: Icyicaro cya METEO RWANDA** **UMUTWE WA II: INSHINGANO ZA METEO RWANDA** **Ingingo ya 4: Inshingano za METEO RWANDA** **UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA METEO RWANDA N'ICYICIRO IRIMO** **Ingingo ya 5: Urwego rureberera METEO RWANDA n'icyiciro irimo**	**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS** **Article One: Purpose of this Law** **Article 2: Definitions of terms** **Article 3: Head office of METEO RWANDA** **CHAPTER II: MISSION OF METEO RWANDA** **Article 4: Mission of METEO RWANDA** **CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY OF METEO RWANDA AND ITS CATEGORY** **Article 5: Supervising authority of METEO RWANDA and its category**	**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES** **Article premier: Objet de la présente loi** **Article 2: Définitions des termes** **Article 3: Siège du METEO RWANDA** **CHAPITRE II: MISSIONS DU METEO RWANDA** **Article 4: Missions du METEO RWANDA** **CHAPITRE III: ORGANE DE TUTELLE DU METEO RWANDA ET SA CATEGORIE** **Article 5: Organe de tutelle du METEO RWANDA et sa catégorie**

UMUTWE WA IV: IMITERERE N'IMIKORERE BYA METEO RWANDA	**CHAPTER IV: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF METEO RWANDA**	**CHAPITRE IV: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU METEO RWANDA**
Ingingo ya 6: Inzego z'ubuyobozi za METEO RWANDA	**Article 6: Management organs of METEO RWANDA**	**Article 6: Organe de direction du METEO RWANDA**
Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi	**Section One: Board of Directors**	**Section première: Conseil d'Administration**
Ingingo ya 7: Inama y'Ubuyobozi ya METEO RWANDA	**Article 7: Board of Directors of METEO RWANDA**	**Article 7: Conseil d'Administration de METEO RWANDA**
Ingingo ya 8: Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama	**Article 8: Sitting allowance for members of the Board of Directors**	**Article 8: Jetons de présence des membres du Conseil d'Administration**
Ingingo ya 9: Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama y'Ubuyobozi	**Article 9: Incompatibilities with membership on the Board of Directors**	**Article 9: Incompatibilités avec la fonction de membre du Conseil d'Administration**
Icyiciro cya 2: Ubuyobozi Bukuru	**Section 2: General Directorate**	**Section 2: Direction Générale**
Ingingo ya 10: Abagize Ubuyobozi Bukuru bwa METEO RWANDA	**Article 10: Members of the General Directorate of METEO RWANDA**	**Article 10: Membres de la Direction Générale du METEO RWANDA**
Ingingo ya 11: Sitati igenga abakozi ba METEO RWANDA n'ibigenerwa abagize Ubuyobozi Bukuru n'abakozi ba METEO RWANDA	**Article 11: Statutes governing staff of METEO RWANDA and benefits allocated to members of the General Directorate and the staff of METEO RWANDA**	**Article 11: Statut du personnel du METEO RWANDA et appointements des membres de la Direction Générale et du personnel du METEO RWANDA**
Ingingo ya 12: Imikorere, imiterere n'inshingano by'inzego z'imirimo za METEO RWANDA	**Article 12: Functioning, organization and responsibilities of organs of METEO RWANDA**	**Article 12: Fonctionnement, organisation et attributions des organes du METEO RWANDA**
UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI	**CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCE**	**CHAPITRE V: PATRIMOINE ET FINANCES**
Ingingo ya 13: Umutungo wa METEO RWANDA n'inkomoko yawo	**Article 13: Property of METEO RWANDA and its source**	**Article 13: Patrimoine du METEO RWANDA et sa source**

Ingingo ya 14: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo	**Article 14: Use, management and audit of the property**	**Article 14: Utilisation, gestion et audit du patrimoine**
Ingingo ya 15: Iyemeza n'imicungire by'ingengo y'imari ya METEO RWANDA	**Article 15: Approval and management of the budget of METEO RWANDA**	**Article 15: Adoption et gestion du budget du METEO RWANDA**
Ingingo ya 16: Raporo y'umwaka w'ibaruramari	**Article 16: Annual financial report**	**Article 16: Rapport annuel de l'exercice comptable**
UMUTWE WA VI: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA	**CHAPTER VI: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE VI: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**
Ingingo ya 17: Igihe cy'inzibacyuho	**Article 17: Transitional period**	**Article 17: Période transitoire**
Ingingo ya 18: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko	**Article 18: Drafting, consideration and adoption of this Law**	**Article 18: Initiation, examen et adoption de la présente loi**
Ingingo ya 19: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	**Article 19: Repealing provision**	**Article 19: Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 20: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa	**Article 20: Commencement**	**Article 20: Entrée en vigueur**

ITEGEKO N°54bis/2011 RYO KUWA 14/12/2011 RISHYIRAHO IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE UBUMENYI BW'IKIRERE (METEO RWANDA) RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYACYO

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA, KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 05 Ukwakira 2011;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 07 Nzeri 2011;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 95, iya 108, iya 113, iya 118, iya 183 n'iya 201;

LAW N°54bis/2011 OF 14/12/2011 ESTABLISHING RWANDA METEOROLOGY AGENCY (METEO RWANDA) AND DETERMINING ITS MISSION, ORGANISATION AND FUNCTIONING

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 05 October 2011;

The Senate, in its session of 7 September 2011;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 113, 118, 183 and 201;

LOI N°54bis/2011 DU 14/12/2011 PORTANT CREATION DE L'AGENCE RWANDAISE DE LA METEOROLOGIE (METEO RWANDA) ET DETERMINANT SA MISSION, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés, en sa séance du 05 octobre 2011;

Le Sénat, en sa séance du 7 septembre 2011 ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 113, 118, 183 et 201;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 06/2009/OL ryo kuwa 21/12/2009 rishyiraho amategeko rusange yerekeye ibigo bya Leta;

YEMEJE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Iri tegeko rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere cyitwa « METEO RWANDA » mu magambo ahinnye. Iri tegeko rigena kandi inshingano, imiterere n'imikorere byacyo.

METEO RWANDA ifite ubuzimagatozi n'ubwigenge mu miyoborere, mu micungire y'umutungo n'abakozi bayo, kandi icungwa hakurikijwe amategeko agenga ibigo bya Leta.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

